



STANDARD™ REUNIFICATION METHOD

GUHUZA UMUNYESHURI/UMUBYEYI

Ibibazo bishobora kubaho ku ishuri ku buryo bisaba ababyeyi kuza gutwara abanyeshuri babo mu buryo bunozze kandi bugenzuwe. Igikorwa cyo gusohora umwana ku ishuri mu buryo bugenzuwe cyitwara guhuza kandi gishobora kuba ngombwa bitewe n'ikirere, kubura k'umuriro, igikorwa cy'ibintu byanduza byangiza, ikintu kibi hanze y'ishuri cyangwa se igihe habaye imyivumbagatanyo ku ishuri. Uburyo Rusange bwo Guhuza abana n'ababyeyi ni uburyo butuma iki gikorwa kigenda neza kandi kigakorwa kirindwa rwaserera ku bakijyamo bose.

Kubera ko gusohora umwana bigenzuwe atari igikorwa kirangiza umunsi w'ishuri, igikorwa cyo guhuza gishobora kubera ahantu hatandukanye n'aho ishuri umunyeshuri yigaho rihereye. Iyo aho kibera ari ku rindi shuri, noneho abo banyeshuri bashobora na bo gusohorwa mu ishuri mu buryo bugenzuwe.

KUMENYESHA

Ababyeyi bashobora kumenyeshwa mu buryo bw'ishuri butandukanye. Ishuri cyangwa akarere gashobora gukoresha telefoni yako irangurura amajwi cyangwa uburyo bw'ubutumwa buri mu nyandiko. Mu bihe runaka, abanyeshuri bashobora gusabwa kohereza ababyeyi babo ubutumwa bwanditse. Ubutumwa bwanditse bwo guhuza umubyeyi buturuka ku munyeshuri bashobora kuba bumeze butya: "Ishuri ryafunze, waza kumfata saa 3:25 ku irembo rikuru. Uzane indangamuntu yawe."

IBYO UMUBYEYI/UMUREZI YAKWITEGA

Iyo umubyeyi cyangwa umurezi amenyeshwe ko ibyo kuvana umwana ku ishuri mu buryo bugenzuwe bikenewe, hari ibintu bimwe na bimwe ababyeyi cyangwa abarezi baba bagomba kumenya. Mbere na mbere, zana ibikuranga. Ibi bitoroshya kandi bitume ibintu bigenda neza mu gihe cyo guhuza ababyeyi n'abanyeshuri. icya kabiri, ihangane. Guhuza abana n'ababyeyi ni igikorwa kirinda yaba umutekano w'umunyeshuri kandi gitanga uburyo bwo guhindura mu buryo buzwi uwari afite mu nshingano zo kurera zikava ku ishuri zikajya mu biganza by'umubyeyi cyangwa umurezi uzwi urera.

BYAGENDA BITE IYO UMUBYEYI ADASHOBORA GUFATA UMUNYESHURI WE?

Igihe umubyeyi adashobora guhita aya ahabera igikorwa cyo guhuza, abanyeshuri bahabwa gusa abantu umunyeshuri yagaragaje nk'umuntu wo kuvugisha mu buryo bwihutirwa. Bitabaye ibyo, ishuri rigumana abanyeshuri kugeza igihe ababyeyi bashobora kuza gutwara umunyeshuri wabo.

BYAGENDA BITE IYO ARI UMUNYESHURI WAJE KU ISHURI YITWAYE MU MODOKA?

Hashobora kubaho ibihe aho umunyeshuri adashobora kwemererwa gukura imodoka muri parikingi. Igihe bigenze bitya, ababyeyi bagirwa inama yo kuhavana umunyeshuri. Mu bihe bimwe na bimwe, abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye bashobora kurekwa bakijyana ubwabo.

Amakuru arebana no kongera guhura
(ANDIKA IBIGARAGARA MU NYUGUTI NKURU)
Tunganya amafoto y'indangamuntu yawe kandi utegure kuzayereka abakozi bo mu kigo cy'ishuri.

Izina ry'Umunyeshuri

Icyiciro Umunyeshuri Yigamo Numero ya Telefoni y'Umunyeshuri

Izina ry'umuntu uza gutwara umunyeshuri

Umukono School personnel completes: Photo identification matches name of person picking up student? Yes or No

Numero ya telefoni y'umuntu uza gutwara umunyeshuri

Isano afitanye n'umunyeshuri aza gufata

Umubyeyi ni we uhuzura:

Ongerera Wandike Izina ry'Umunyeshuri..... Icyiciro Umunyeshuri Yigamo

Umwiramu..... School personnel completes upon release of student

Itariki y'Amavuko y'Umunyeshuri..... TIME INITIALS OTHER

UKO BIGENDA

Ku banyeshuri, ishuri risaba ko abanyeshuri batwara kandi bagaceceka igihe bategereje. Abanyeshuri bashobora kwandikira ababyeyi cyangwa abarezi babo ubutumwa bugufi. Abanyeshuri na bo basabwa kohereza ubundi butumwa bwanditse yaba mu ishuri cyangwa hanze yaryo cyangwa ahantu ho guhurirwa. Kuguma uri ku murongo wa murandasi igihe gito gishoboka bishobora kuba ingirakamaro mu gihe cyo guhuza.

AMAKARITA YO GUHUZA

Ku babyeyi, hari intambwe ebyiri Iyo umubyeyi atwaye imodoka aya ku ishuri, agirwa inama yo kumenyekanisha ko atwaye ikinyabiziga kiri mu byihuta acana amatara yabyo. Ababyeyi bagomba guparika aho byagaragajwe kandi ntibasige imodoka. Ababyeyi basabwa kujya ahantu handitse 'Kwiyandikisha' ku bw'igikorwa cyo Guhuza maze bagatonda imirongo hakurikijwe inyuguti ibanziriza izina rya nyuma ry'umunyeshuri wabo. Igihe bari ku murongo, ababyeyi basabwa kuzuzwa ikarita yo guhuza. Iyi karita yinjizwa kandi igatandukanywa mu gihe cy'igikorwa. Amwe mu makuru nk'ayo asubirwamo ku ruhande rwo hejuru kandi agatandukanywa ku ruhande rwo hasi rw'ikarita. Ababyeyi basabwa kuzuzwa ibice byose by'ikarita.

Mu gihe habayeho ko abanyeshuri bahuzwa, ikarita itandukanye kuri buri munyeshuri iba igomba kuzuzwa.

ZANA INDANGAMUNTU KUGIRA NGO WIYANDIKISHE

Mu gihe cyo kwiyandikisha, uburenganzira bw'irangamimerere n'ubwo kurera buremezwa. Ikarita itandukanywa maze igice kimwe cya kabiri cyo hepfo kigahabwa umubyeyi.

Iyo bavuye ahantu hagenewe "Kwiyandikisha", ababyeyi babwirwa kujya ahantu handitse "Guhuzwa". Ahongaho, uwirukanka afata igice kimwe cya kabiri cyo hepfo cy'ikarita maze akagisubiza Ahantu Abanyeshuri Bateranira kugira ngo agisubize umunyeshuri cyangwa abanyeshuri.

Ababyeyi bagomba kumenya ko muri iyi mimerere, bashobora gusabwa kujya mu nyubako kugira ngo bahabwe amakuru yisumbuye.

IBIGANIRO N'INAMA

Mu bihe runaka, ababyeyi bashobora kugirwa inama babwirwa ko iperereza rigamiye kubahiriza itegeko ririmo gukorwa kandi bashobora kubwirwa ko ibiganiro by'ibazwa ari ngombwa. Mu bihe bikomeye, ababyeyi bashobora gushyirwa iruhande kugira ngo batange amakuru yihutirwa cyangwa ay'ubuvuzi.

